**DIOCESE CATHOLIQUE DE GIKONGORO**
**B.P. 77 GIKONGORO**
**RWANDA/AFRIQUE**
**TEL (+250)785959044**
**E-mail :** evechegik@yahoo.fr

**Gikongoro, le 22/01/2024**

# UBUTUMWA BUGENEWE UMUNSI MPUZAMAHANGA W'ABIYEGURIYIMANA

**Insanganyamatsiko :** « Nimugende mutumire mu bukwe abantu bose » **(reba Mt 22, 9)**



**Ku wa 02 Gashyantare 2024**
**« Nimugende, mutumire mu bukwe abantu bose » ( reba Mt 22, 9)**

## INTANGIRIRO

**1**. Biyeguriyimana bavandimwe ! Kuri uyu munsi wa Yezu aturwa Imana mu Ngoro, Kiliziya irahimbaza kandi Umunsi Mpuzamahanga wo kwiyegurira Imana. Tuboneyeho kubifuriza mwese umunsi mwiza !

Nk'uko amasomo y'uyu munsi abitubwira, Kristu ni we Rumuri rw'amahanga, rubonesherereza abari mu mwijima (Lk 2,32). Urwo rumuri nirwo rutumurikira nk'abiyeguriye Kristu, kandi rukaduha n'imbaraga zo guhamagarira abandi kurusanga ngo rubabonesherereze. Niyo mpamvu insanganyamatsiko y'uyu mwaka igira iti : **« Nimugende , mutumire mu bukwe abantu bose » (reba Mt 22, 9).**

**2.** Duhimbaje kandi uyu munsi mukuru turi kwitegura no guhimbaza Yubile y'impurirane y'imyaka 2025 y'ugucungurwa kwa muntu n'imyaka 125 Ivanjili igeze mu Rwanda. Ni igihe tubonye cyo gusubiza amaso inyuma tukareba aho urugendo rwacu rwo gukurikira Yezu Kristu turugeze no gufata ingamba nshya mu kwamamaza Inkuru nziza twazaniwe na Yezu Kristu, Rumuri rw'amahanga. Koko Kristu ni we Soko y'amizero, ubuvandimwe n'amahoro nk'uko insanganyamatsiko ya Yubile ibitubwira.

## A. KRISTU NI WE RUMURI RUBONESHEREZA ABANYAMAHANGA

**3.** Nk'uko Ivanjili y'uyu munsi ibitubwira, Kristu « Ni we rumuri rubonesherereza amahanga akaba n'ikuzo ry'Umuryango wawe Israheli » (Lk 2, 32). Mu ntangiriro y'Ivanjili yanditswe na Yohani, batubwira ko Jambo ari we wari urumuri nyakuri rumurikira umuntu wese uza kuri iyi si (reba Yh 1, 9). Yezu na we ubwe ubihamya mu Ivanjili agira ati : « Ndi urumuri rw'isi, unkurikira ntazagenda mu mwijima ahubwo azatunga urumuri rw'ubugingo » (Yh 8, 12).

**4**. Yezu ni Inyenyeri itumurikira mu rugendo rwacu rwo gushakashaka Imana kandi akanadufasha kuyimenyesha abandi. Mu gihe cya Noheli twumvise ukuntu inyenyeri yamurikiye Abanyabwenge ikabakura mu gihugu cyabo cya kure ikabageza aho umwana Yezu yari ari, maze bagahamya bavuga bati : « twabonye inyenyeri ye mu burasirazuba none tuje kumuramya » (Mt 2, 2). Iyo nyenyeri kandi yari yarahanuwe n'umuhanuzi Balamu aho yavuze ati : « mu nzu ya Yakobo hazavuka inyenyeri, mu muryango wa Israheli hazaboneka inkoni y'ubwami » (Ibar 24, 17). Iyo nyenyeri yabagumye hafi irabayobora, ibageza kuri Yezu. Yezu Kristu ni we Nyenyeri itumurikira kugira ngo ituganishe kuri We, kandi tugafatanya na we urwo rugendo, kuko atubwira ngo : « Ni njye nzira, ukuri

n'ubugingo » (Yh 14, 6). Mu rugendo rwacu rugana Yezu, ntatureka ngo tugende twenyine ahubwo aratuyobora, akatumurikira, kandi akadufata ukuboko.

**5.** Muri Yezu Kristu Imana itwohereza urumuri rwayo ; iza itugana kugira ngo itumurikire. Kubera urwo rumuri rwe tubona igikwiye tugomba gukora. Niyo mpamvu abigishwa be bemera gusiga byose kugira ngo bamusange, kandi batangaze ko nta wundi bakwiye gusanga uretse We wenyine : « Nyagasani, twasanga nde wundi ko ari wowe ufite amagambo y'ubugingo bw'iteka » (Yh 6, 68).

**6.** Yezu Kristu ni urumuri rutumurikira tugasobanukirwa n'ibyanditswe bitagatifu kandi natwe tukabasha kubisobanurira abandi. Umukambwe Simewoni akimara kwakira Yezu mu biganza bye, yumvise ko ibyanditswe byuzurijwe muri we, kandi yumva ko n'icyo yari ategereje kubona ari cyo agakiza ka Israheli, kageze. Yezu Kristu kandi aratumurikira kugira ngo tumenye icyo Imana ishaka kutubwira, haba buri wese ku giti cye, haba n'umuryango w'Imana, ngo tumenye igikwiye, cyangwa twumve ijwi ry'Imana muri ibi bihe turimo.

**7.** Mu ntangiriro y'umuhamagaro wa buri wese, hari urumuri rwa Kristu rumugota nk'urwagose Sawuli (Int 9, 3). Urwo rumuri ruza rumeze nk'icyezezi ariko uko rugenda rwitamurura buri wese amenya icyo Nyagasani amushakaho. No muri iki gihe hakenewe gushimangirwa Amagambo y'Inama nkuru ya Vatikani ya II ko Kristu ari Urumuri rw'amahanga (reba LG 1). Muri Kristu niho hari urumuri Nyarumuri rumurikira abantu, kuko ari we soko y'ukuri.

**8.** Muri ubu buzima dushobora gucibwa intege n'umwijima duhura nawo uterwa no kudasobanukirwa uko bikwiye, kurambirwa, ibigeragezo n'ibibazo bitabura mu buzima bwa muntu. Muri ibyo byose tujye tuzirikana ko uwiziritse kuri Kristu nta cyo ashobora kumuburana. No mu bihe bikomeye tujye twibuka ko dufite urumuri rumurika mu mwijima.

## B. NUKO URUMURI RUMURIKA MU MWIJIMA ARIKO UMWIJIMA WANGA KURWAKIRA (Jn 1, 5)

**9.** Bavandimwe Biyeguriyimana dukunda, abarangwa n'urumuri ni bo bana b'Imana koko. Kwakira Urumuri Nyakuri biduha ububasha bwo guhinduka abana b'Imana nk'uko mutagatifu Yohani abivuga ati: «Nyamara abamwakiriye bose, yabahaye ububasha bwo guhinduka abana b'Imana» (Yh1,12). Abo bose bagengwa na Roho w'Imana, bakera imbuto za Roho mu buzima bwabo. Pawulo intumwa atubwira ko imbuto za Roho ari « urukundo: Ibyishimo, amahoro,

kwihangana, ubugwaneza, ubuntu, ubudahemuka, imico myiza, kumenya kwifata» (Ga 5,22-23).

**10**. Ikindi kigaragaza ko urumuri rwa Kristu rudutuyemo ni uko aduhamagara tukemera gusiga byose kugira ngo tumusange (Mt 4,18-22 ), bityo tukaba ikimenyetso ko Kristu atuye muri twe kandi ko turi ibimenyetso by'ubuzima aduhamagarira. Bityo tukamubera intumwa n'abahamya b'urukundo rwe mu bavandimwe bacu.

**11**. Muri iki gihe hari abakristu bakomeye ku kwemera kwabo akaba ari ho bavoma imbaraga zo guharanira icyiza no kurwanya ikibi. Abo ni abo gushimirwa. Nibo dutezeho ibikorwa by'urukundo no gusigasira umuco wa gikristu twatojwe n'abasokuruza bacu, inkingi ikomeye Kiliziya yubakiyeho. Ntitwabura kwishimira ko hari n'abiyeguriyimana bemera gutanga ubuhamya bw'ukwemera kwabo, bikageza n'aho bahara amagara yabo kubera kwitangira bagenzi babo n'aho rukomeye. Ingero nk'izi ni ikimenyetso cy'uko urumuri rwa Kristu rudutuyemo.

**12**. Nyamara n'ubwo twakiriye ukwemera, umwijima uracyagaragara muri iyi si dutuyeho. Aha twavuga nko kuba hari ubuhakanyi bugenda bwigaragaza ku buryo bwinshi maze abakristu benshi nabo bakabwohokaho; gukunda ibintu kurusha abantu, bigera n'aho uburenganzira bw'abantu buteshwa agaciro; iyobokamana rigaragarira amaso ariko ridahindura umutima wa muntu; ubushakashatsi bugeza aho bushaka guhinyuza Imana; intambara hirya no hino ku isi; imyitwarire idakwiye inyuranyije n'umuco w'Ivanjili, n'ibindi...

**13**. Bavandimwe Biyeguriyimana, muri iki gihe tugezemo Yezu Kristu aratwibutsa gukomera ku rumuri twakiriye muri batisimu no mu masezerano twagiranye na we, bityo tukaba «umunyu n'urumuri rw'isi» ( Mt 5, 13). Tube abantu bagendana kandi bahorana amizero, maze duhore dutoza abandi kurangamira Yezu Kristu Soko y'Amizero, ubuvandimwe n'amahoro.

## C) NIMUGENDE, MUTUMIRE MU BUKWE ABANTU BOSE

**14**. Nk'uko Ivanjili yanditswe na Matayo ibitubwira, Yezu ahora atumira abantu abinyujije muri Kiliziya ye. Bamwe bumva ubutumire butabareba, abandi bakabuhunga kubera imihihibikano yi'si, abandi bakaburwanya. Cyakora Yezu ntacika intege, ahora ategereje ko hari abatumirwa bumva neza ijwi rye bakaza. Niyo mpamvu ahora yohereza abagaragu be mu mayira abiri gutumira abo bahura.

**15**. Muri ibi bihe, Abiyeguriyimana bahamagariwe gutumira abandi kugira ngo baze mu bukwe bwa Yezu. Ni umurimo wacu w'ibanze wo kwigisha abantu guhinduka no gukurikiza Ivanjili. Ibyo duhamagariwe kubikora mu buhamya bw'ubuzima twahisemo, dutanga ingero nziza zifasha abantu gukunda Yezu Kristu no kumuyoboka.

**16**. Uwiyeguriyimana agomba kurebera kuri Yezu Kristu, wasangaga abantu, mu buzima bwabo bwa buri munsi, akabahamagarira kumukurikira. Hari abo duhura nabo buri munsi, bitewe n'aho dukora n'ibyo dukora, bakaba bakeneye ijambo tubabwira, imbuto tuberera, ubumuntu tubereka, urugwiro tubakirana, ku buryo guhura nabo byagombye gutuma bibaza k'udutuyemo.

**Umwanzuro**

**17**. Biyeguriyimana, kuri uyu munsi wanyu turongera kubibutsa ko namwe muri urumuri, kandi ko mutumwe kumurikira abandi. «Urumuri rwanyu nirubonesherereze rutyo abantu kugira ngo barebe ibyiza mukora, bakurizeho gusingiza So uri mu ijuru» (Mt 5, 16).

**18**. Iyi yubile y'impurirane tugiye kwinjiramo izatubere umwanya wo gushimira Imana by'ukuri kubera icyizere yatugiriye, ikaduhamagarira kuyibera abahamya ku buryo bw'umwihariko. Nibidufashe rero gukomera ku muhamagaro wacu no ku masezerano twagiranye n'Imana muri Kiliziya. Turusheho kuba intumwa nziza zihamagarira abandi gusanga Yezu Kristu we Rumuri nyakuri, akaba n'isoko y'amizero, ubuvandimwe n'amahoro.

Bikira Mariya Nyina wa Jambo, Umwamikazi wa Kibeho akaba n'Umubyeyi w'Abiyeguriyimana adusabire !

Bikorewe i Kigali, ku wa 20 Mutarama 2024.

**✠ Célestin HAKIZIMANA, Umwepiskopi wa GIKONGORO,**
**akaba na Perezida wa Komisiyo y'Abepiskopi**
**ishinzwe Abihayimana.**

DIOCESE DE GIKONGORO
EVEQUE
EGLISE CATHOLIQUE